



Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("IRMCT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuvoza 2010 kugira ngo Ururiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Ururiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY) nizimara kurangiza manda yazo ruzazisimbure ku byerekereanye n'ububasha, imirimo y'ingenzi, uburenganzira n'inshingano zari zifite.

IFISHE Y'AMAKURU KU RUBANZA

Kugeza ubu, abantu umunani barezwe na TPIR kubera uruhare rwabo muri jenoside yo mu Rwanda mu mwaka wa 1994 ntibarafatwa. Hateganyijwe ko IRMCT izaburanisha abaregwa batatu bakurikira: Augustin Bizimana, Félicien Kabuga na Protas Miranya. Abandi batanu ari bo Fulgence Kayishema, Charles Sikubwabo, Aloys Ndimbati, Ryandikayo na Phénas Munyarugarama, imanza zabo zoherejwe mu Rwanda. Ladislas Ntaganzwa, na we washakishwaga kandi urubanza rwe rukaba rwaroherejwe mu Rwanda, yafatiwe muri Kongo ku itariki ya 9 Ukuvoza 2015.

MICT-12-13

USHAKISHWA - CHARLES SIKUBWABO



Mu gihe ibyaha bivugwa mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga, Charles Sikubwabo yari Burugumesitiri wa Komine ya Gishyita muri Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda.

| | |
|---------------------------------|--|
| Umwaka yavutsemo n'aho yavukiye | Muri za 40, igice cya mbere cy'icyo kinyacumi, Komine ya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda |
| Inyandiko y'ibirego | Inyandiko y'ibirego igenderwaho yatanze ku itariki ya 20 Ukwakira 2000 |
| Aho urubanza rugeze | Arashakishwa kuva ku itariki ya 28 Ugushyingo 1995 |

AMAKURU Y'IBANZE KU RUBANZA

INYANDIKO Y'IBIREGO

Charles Sikubwabo yarezwe muri TPIR icyaha cya jenoside, kuba icyitso cy'abakoze jenoside, ubwumvikane bugamije gukora jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu byakorewe muri Komine ya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda muri Mata 1994, icyo gihe akaba yari burugumesitiri wa komine.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwa ko, muri Mata 1994, umubare munini w'abagabo, abagore n'abana baturukaga ahantu hatandukanye bahunga ibitero byagabwaga muri Perefegitura ya Kibuye yose n'ubwicanyi bwibasiye abasivire bwahakoregwaga. Mu Nyandiko y'ibirego havugwa ko benshi muri bo bateraniye mu kigo cya Mugonero, cyari kigizwe n'inyubako nyinshi, zarimo urusengero, ivuriro n'ibitaro kandi ko benshi muri abo bagabo, abagore n'abana bari Abatutsi kandi batitwaje intwaro. Mu Nyandiko y'ibirego havugwa kandi ko, ku itariki ya 16 Mata 1994 cyangwa hafi yayo, amamodoka menshi yagendaga ashoreranye, akurikiwe n'abantu benshi bitwaje intwaro, yagiye ku kigo cya Mugonero. Hanavugwamo kandi ko, mu bantu bari muri ayo mamodoka yari ashoreranye, harimo Sikubwabo, abajandarume, abaporisi ba komine, abantu bo mu mutwe witwaraga gisirikare n'abasivire. Binavugwa kandi ko, abo bantu bari muri ayo mamodoka yagendaga ashoreranye, barimo na Sikubwabo, bagabye igitero ku bagabo, abagore n'abana bari mu kigo cya Mugonero, cyamaze umunsi wose. Mu Nyandiko y'ibirego



havugwa ko icyo gitero cyahitanye abantu babarwaga mu magana, kinakomeretsa abandi benshi muri abo bagabo, abagore n'abana bari bahungiye muri icyo kigo.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwa kandi ko mu mezi yakurikiye igitero cyo ku kigo cya Mugonero, abantu, barimo Sikubwabo, bahize kandi bakagaba ibtero ku Batutsi bari barokotse n'abandi, bamwe barabica abandi babatera ububabare buzahaza umubiri cyangwa mu mutwe.

Mu Nyandiko y'ibirego, ashinjwa ibyaha bivugwa mu birego bikurikira:

Ikirego kimwe cya Jenoside (Ikirego cya 1A), cyangwa cyaba kitamuhamye

Ikirego kimwe cy'Ubwumvikane bugamije gukora jenoside (Ikirego cya 1B)

Ikirego kimwe cy'Ubwijiracyaha bwa jenoside (Ikirego cya 2)

Ibirego bitatu by'Ibyaha byibasiye inyokomuntu

- Ubuhotzo (Ikirego cya 3)
- Itsembatsema (Ikirego cya 4)
- Ibindi bikorwa bibi birenze kameremuntu (Ikirego cya 5)

KWIMURIRA URUBANZA MU RWANDA

Ku itariki ya 26 Werurwe 2012, Urugereko rwa TPIR rwaburanishaga ibyerekeranye no kwimura urubanza rwa Charles Sikubwabo rwategetse ko urubanza rwe rwoherezwa muri Repubulika y'u Rwanda

Ku itariki ya 7 Gicurasi 2014, Umucamanza umwe rukumbi, Vagn Joensen, yasohoye urwandiko rwo gufata Sikubwabo n'itegeko ryo kumwimura bisaba ibihugu byose bigize Umuryango w'Abibumbye kumushakisha, kumufata no kumushyikiriza Ubushinjacyaha Bukuru bwa Repubulika y'u Rwanda.

Nk'uko biteganywa mu Cyemezo cya 1966 (2010) cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye, ibihugu byose bifite inshingano yo gufatanya na IRMCT mu gushakisha abaregwa bagishakishwa, kubafata, kubafunga, kubimura no kubashyikiriza inkiko zigomba kubaburanisha.

Ukeneye amakuru arambuye kurushaho wasura urubuga rwa interinet rwa IRMCT www.irmct.org.

Ibibazo by'itangazamakuru byoherezwa kuri imeyiri mict-press@un.org.